# Ufite uburenganzira bwo guhabwa "Igereranya Nyakuri ry'Ibiciro" risobanura ikiguzi serivisi zawe z'ubuvuzi zizatwara.

**Hakurikijwe amategeko, abatanga serivisi z'ubuvuzi bagomba guha abarwayi badafite bumwe mu bwoko bw'ubwishingizi bw'ubuzima cyangwa badakoresha bumwe mu bwoko bw'ubwishingizi bw'ubuzima ikigereranyo cy'inyemezabwishyu yabo ku bintu na serivisi z'ubuvuzi mbere y'uko ibyo bintu cyangwa serivisi bitangwa.**

- Ufite uburenganzira bwo guhabwa Igereranya Nyakuri ry'Ibiciro ku kiguzi cyose giteganyijwe cy'ibintu cyangwa serivisi z'ubuvuzi mugihe ubisabye cyangwa mu gihe cy'iteganywa ry'ibyo bintu cyangwa serivisi. Ibi birimo ibiciro nk'ibizami byo kwa muganga, imiti yanditswe na muganga, ibikoresho n'amafaranga y'ibitaro.
- Niba urimo ukora gahunda y'ikintu cyangwa serivisi z'ubuvuzi byibura mbere ho iminsi itatu y'imibyizi, kora ku buryo uguha serivisi z'ubuvuzi cyangwa ikigo kizitanga kiguha mu nyandiko Igereranya Nyakuri ry'Ibiciro mu gihe cy'umunsi umwe w'umubyizi nyuma yo gukora gahunda. Niba urimo ukora gahunda y'ikintu cyangwa serivisi z'ubuvuzi byibura mbere ho iminsi 10 y'imibyizi, kora ku buryo utanga serivisi z'ubuvuzi wawe cyangwa ikigo gitanga serivisi z'ubuvuzi kiguha Igereranya Nyakuri ry'Ibiciro mu nyandiko mu gihe cy'iminsi itatu y'imibyizi nyuma yo gukora gahunda. Na none ushobora gusaba utanga serivisi z'ubuvuzi uwo ari we wese cyangwa ikigo kizitanga icyo ari cyo cyose Igereranya Nyakuri ry'Ibiciro mbere yo guteganya igikoresho cyangwa serivisi. Niba ari uko bimeze, kora ku buryo utanga serivisi z'ubuvuzi cyangwa ikigo kizitanga kiguha Igereranya Nyakuri ry'Ibiciro mu nyandiko mu minsi itatu ikurikira ubusabe bwawe.
- Niba wakiriye inyemezabwishyu iriho amadorari byibura 400 aruta Igereranya Nyakuri ry'Ibiciro ryatanzwe n'umuntu utanga serivisi z'ubuvuzi cyangwa ikigo kizitanga, ushobora kugaragaza ko utemeranya n'inyemezabwishyu.
- Kora ku buryo ubika kopi cyangwa ifoto y'Urupapuro rwawe rw'Igereranya Nyakuri ry'Ibiciro n'iy'inyemezabwishyu.

Ku bibazo cyangwa ibindi bisobanuro byerekeye uburenganzira bwawe ku Igereranya Nyakuri ry'Ibiciro, sura **cms.gov/nosurprises/consumers**, ohereza imeyili kuri **FederalPPDRQuestions@cms.hhs.gov**, cyangwa uhamagare kuri **800.985.3059**.

Ku byerekeye urutonde rwuzuye, saba uguha serivisi z'ubuvuzi agatabo k'amabwiriza cyangwa ujye kuri **corewellhealth.org/policies**

Corewell Health © 10.2023